**UKURI KUGARAGARA IMANA NYAGASANI IKUYOBORAHO UYISABYE KUYOBOKA, BITYO USHAKISHA UKURI WESE NI NGOMBWA KO AKUGERAHO IMANA IBISHATSE.**

**UMWE MU BANTU BASHAKISHIJE UKURI NI ABU ABDILAHI SALIMANU AL FARISIY, UWATANZE ABAPERISE KUYOBOKA ISLAM.**

**AKABA YITWA UMUHUNGU WA ISLAM CYANGWA SALIMANUL KHAYIR.**

**YATURUTSE MU MURENGE WE WITWA JAYI MU GIHUGU CY'ABAPERISE AJYA SHAMI ASHAKISHA IDINI Y'UKURI.**

**NYUMA AJYA MURI IRAK, AKOMEZA KUGENDA YIMUKA AVA MU GIHUGU AJYA MU KINDI, KUGEZA UBWO YAJE KUBWIRWA KO INTUMWA YO MU**

**BIHE BYA NYUMA YIMUKIYE I MADINA.**

**MAZE AJYA MADINA AJYANYE NA ABANTU BAKORAGA UBUCURUZI, BARAMUHEMUKIRA MAZE BAMUGURISHA UMUYAHUDI, KUGEZA UBWO SALIMANU YAJE GUHURA N'INTUMWA MUHAMADI (IMANA IMUHE AMAHORO N'IMIGISHA), AMUSANGAHO IBIMENYETSO BY'UBUTUMWA YARI YARABWIWE, MAZE YINJIRA UBUYISLAMU.**

**INTUMWA MUHAMADI YAMUVUZE IBIGWI UBWO YAMUSHYIRAGAHO UKUBOKO KWE MAZE AKAVUGA ATI: NUBWO UKWEMERA KWABA KURI KU NYENYERI YA THURAYA, ABAGABO NKABA BAKUGERAHO"**

**SALMANUL FARISY YARI UMWE MU BASANGIRANGENDO BAFITE UBUMENYI:**

**1. MUADHA BUN JABALI YARAVUZE ATI: MUZASHAKISHE UBUMENYI MU BANTU BANE: KURI**

**UWAYINU ABUI DAR'DAI – NA SALMANUL FARISIY – NA ABDULLAH BUN MAS'UDI – NA ABDULLAHI BUN SALAMI.**

**MU BIRANGA UBWENGE SALIMANUL FARISIY YARAFITE: NI UKO MU NTAMBARA YA AH'ZABU ARIWE WAHAYE INTUMWA IGITEKEREZO CYO GUCUKURA IMIRINGOTI YA HANDAQI, ARAMUBWIRA ATI "NJYEWE NKOMOKA MU ABAPERISE, IGITERO CY'AMAFARASI CYADUTEYE UBWOBA MAZE DUCUKURA IMIRINGOTI, IGITEKEREZO CYA SALIMANI CYATANGAJE ABASANGIRANGENDO, MAZE INTUMWA MUHAMADI ARACYEMERA AGISHYIRA MU BIKORWA.**

**ZIMWE MU MPANURO ZIHAMBAYE ZA SALIMANUL FARISIY, ZAHINDUTSE INSIGA MIGANI UKO IBIHE BYAGIYE BISIMBURANA, NI IJAMBO YABWIYE ABU DAR'DAI AGIRA ATI "MU BY'UKURI, NYAGASANI WAWE AGUFITEHO UKURI, N'UMUBIRI WAWE UGUFITEHO UKURI, N'UMURYANGO WAWE UGUFITEHO UKURI, BITYO JYA UHA BURI WESE UKURI KWE, NUKO INTUMWA MUHAMADI ARAVUGA ATI "SALIMANU YAVUZE UKURI"**

**SALIMANU YARI UMUNTU UTITAYE KU IBY'ISI, AKICISHA BUGUFI KANDI AKABA UMUNYABUNTU UTANGA CYANE.**

**YAJYAGA ATANGA ISADAKA UMUSHAHARA WE WOSE HANYUMA AGASHAKA AKANDI YAKORA KAMUHA AMAFUNGU, NTIYEMERAGA KO HAGIRA UGIRA ICYO AMUHA.**

**YIRINGIRAGA IMANA KANDI AGAKORA.**

**YIGEZE KUGURA IBIRIBWA MU ISOKO NGO ABIBIKE, BARAMUBWIRA BATI: NAWE UMUSANGIRANGENDO W'INTUMWA URAKORA IBYO?**

**ARAVUGA ATI "BURYA UMUTIMA IYO WIZEYE KO UFITE AMAFUNGURO, URATUZA MAZE UKIYEGURIRA AMASENGESHO NEZA, IMPAGARARA Z'UMUTIMA NTIZIWEGERE.**

**SALIMANU YAPFIRIYE MADAINU MU MWAKA WA 33H, CYANGWA SE UNDI.**

**IMANA IMWISHIMIRE.**